

UMURYANGO W'ABIBUMBYE



Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora
Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

Urubanza N°: MICT-13-38-T

Itariki: 10 Mutarama 2023

Umwimerere: Icyongereza

URUGEREKO RWA MBERE RW'I REMEZO

Umucamanza: **Iain Bonomy, Perezida**
Mustapha El Baaj
Margaret deGuzman

Gerefeye: **Abubacarr M. Tambadou**

Itariki: **10 Mutarama 2023**

Porokireri

aburana na

FÉLICIEN KABUGA

INYANDIKO ITARI IBANGA

ICYEMEZO GISHINGIYE KU NGINGO YA 19 (E)
Y'AMATEGEKO

Ibiro bya Prokireri

Serge Brammertz
Rashid S. Rashid
Rupert Elderkin

Abavoka bunganira Félicien Kabuga

Emmanuel Altit
Françoise Mathe

URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO rw'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("Urugerekko rwa Mbere rw'Iremezo" na "IRMCT", uko bikurikirana) ruburanisha uru rubanza¹;

RWIBUTSA KO Perezida wa IRMCT yashyizeho Elizabeth Ibanda-Nahamya nk'Umucamanza na Margaret M. deGuzman nk'Umucamanza w'ingoboka mu Rugerekko rwa Mbere rw'Iremezo muri uru rubanza²;

RUMAZE KUBONA KO Umucamanza Elizabeth Ibanda-Nahamya yapfuye ku itariki ya 5 Mutarama 2023;

RWIBUTSA uruhare runini rw'Umucamanza Elizabeth Ibanda-Nahamya mu butabera mpanabyaha mpuzamahanga n'umusanzu we ntagereranywa mu mirimo y'Urugerekko rwa Mbere rw'Iremezo muri uru rubanza;

RUSHINGIYE ku Ngingo ya 19 (E) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ("Amategeko") iteganya ko urubanza rukomezanya n'Umucamanza w'ingoboka mu kigwi cy'Umucamanza udashoboye gukomeza kuburanisha;

KUBERA IZO MPAMVU ZIMAZE KUVUGWA,

RWEMEJE KO, hashingiwe ku Ngingo ya 19 (E) y'Amategeko, urubanza rukomeza maze Umucamanza Margaret M. deGuzman agasimbura Umucamanza Elizabeth Ibanda-Nahamya.

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 10 Mutarama 2023,

I Lahe, mu Buholand

[Umukono]

Iain Bonomy
Perezida

[Kashe ya IRMCT]

¹ Reba Itegeko rishyiraho Umucamanza usimbura undi rikanashyiraho Umucamanza w'ingoboka, 26 Kanama 2022 ("Itegeko ryo ku itariki ya 26 Kanama 2022"), paje 1, 2. Reba n'Itegeko rishyiraho Urugerekko rwa Mbere rw'Iremezo, 1 Ukwakira 2020 ("Itegeko ryo ku itariki ya 1 Ukwakira 2020"), paje ya 1.

² Itegeko ryo ku itariki ya 1 Ukwakira 2020, paje ya 1; Itegeko ryo ku itariki ya 26 Kanama 2022, paje 1,2.